



Project 7

GUTEZA IMBERE UBUHINZI BW'IBIRAYI MU MIRENGE YA KINIGI, CYANIKA NA RUGARAMA

Support for the Community-Based Natural Resource Management (CBNRM) Plan Kinigi Area, Rwanda project development plan: GUTEZA IMBERE UBUHINZI BW'IBIRAYI MU MIRENGE YA KINIGI, CYANIKA NA RUGARAMA was provided by the:

CENTRAL AFRICAN REGIONAL PROGRAM FOR THE ENVIRONMENT (CARPE/USAID), VIRUNGA FOCAL AREA, DEMOCRATIC REPUBLIC OF CONGO AND RWANDA: a WWF led Consortium, including WCS, SNV and AWF, made possible with the generous support of the American People.



for a living planet



Izina ry’umushinga: Guteza imbere ubuhinzi bw’ibirayi mu mirenge ya Kinigi, Cyanika na Rugarama

Umwirondoro wa nyiri umushinga :

- Umurenge wa Kinigi
 - Umurenge wa Cyanika
 - Umurenge wa Rugarama
- Umurenge wa Kinigi ugizwe n’utugari 5 ari two : Bisoke, Kaguhu, Nyabigoma, Nyonirima na Kampanga. ukaba ugizwe n’imidugudu 41 kandi utuwe n’abaturage 25.880.
 - Umurenge wa Cyanika ugizwe n’utugari 6 ari two : Gasiza, Kabyiniro, Gisovu, Kagitega, Kamanyana na Nyagahinga, ukagira imidugudu 52 kandi utuwe n’abaturage 34.387.
 - Umurenge wa Rugarama ugizwe n’utugari 4 ari two : Gafumba, Karanagara, Rurembo na Cyahi, ukaba ugizwe n’imidugudu 36; utuwe n’abaturage 21.112.

Aho umushinga uzakorera

Uyu mushinga wo guteza imbere ubuhinzi bw’ibirayi uzakorera mu karere ka Musanze n’aka Burera mu mirenge ya Kinigi, Cyanika na Rugarama.

- Umurenge wa KINIGI ni umurenge uri mu Ntara y’Amajyaruguru, Akarere ka Musanze, ukaba ukoze kuri pariki y’ibirunga aribyo Bisoke na Sabyinyo. Uri kuri km 12 uturutse ku biro by’Akarere ka Musanze, ukaba ukatira ibumoso ku kigo cy’amashuri yisumbuye cyitwa APICUR ku muhanda ugana Cyanika. Ugizwe n’ubutaka bw’amakoro, ikirere cy’imberabyombi, ubutumburuke bwa m 2400.

Ibikorwa remezo biri mu murenge wa Kinigi : umuhanda wa kaburimbo (Muhoza-Kinigi) ufite km 21, amashanyarazi, isokoo rya kijyambere rya Kinigi, ibigo nderabuzima (Bisate na Kinigi).

Ibigo by’amashuri yisumbuye bibiri (Bisate na Kampanga). Ibigo by’amashuri abanza 5 (Bisate, Kampanga, Nyabigoma, Rushubi na Kabwende)

Amahoteri 3 (Mountain Gorillas Nest, Guest House na Bar Ibyiwacu)

Mu Kinigi hakorera kandi imishinga ya DERN, ISAR, COODAF, IMIKI, ECENS na IGEAR imwe muri iyi mishinga inafite ibigega mu Kinigi twavugaga nka IGEAK, COODAF, ECENS, ISAR na IMIKI.

- Umurenge CYANIKA uri mu majyaruguru y’Akarere ka Burera, uhana imbibi n’igihugu cya Uganda kandi ukoze ku kirunga cya Muhabura. Umurenge wa Cyanika uri kuri km 20 uturutse ku biro by’Akarere ka Musanze, ukaba ugizwe n’ubutaka bw’amakoro, ukaba ufite ubutumburuke bwa m 2500.

Mu bikorwa remezo biri mu murenge wa Cyanika twavugamo umuhanda wa kaburimbo (Cyanika-Rugarama), amashanyarazi, isoko riciriritse rya Nyagahinga, ibigo by'amashuri yisumbuye n'ibigo 7 by'amashuri abanza; hari imishinga nka MISACOR, FOR, ARASI, unafite n'ikigega cyo guhunika cyubatswe na CARE. Hubatswe n'utugega duto 2 tw'urugaga Imbaraga.

- Umurenge wa RUGARAMA uri mu majyaruguru y'Akarere ka Burera, ukaba uri hagati y'imirenge ya Cyanika na Gahunga ukaba ufashe kuri pariki y'ibirunga ku kirunga cya Muhabura. Umurenge wa Rugarama uri kuri km 12 uturutse ku biro by'Akarere ka Musanze, ukaba ugizwe n'ubutaka bw'amakoro, ukaba unafite ubutumburuke bwa m 2450.

Ibikorwa remezo twavugaga umuhanda wa kaburimbo, amashanyarazi, isoko rya kiyambere rya Rugarama, ikigo nderabuzima, ibigo by'amashuri yisumbuye 3, ibigo by'amashuri abanza 5.

Isobanurampamvu y'umushinga

Kubera ko ubukungu bw'abaturage batuye mu Karere ka Musanze na Burera cyane cyane abo mu mirenge ya Kinigi, Cyanika na Rugarama banegereye ishyamba ry'ibirunga bushingiye ku buhinzi byatumye baheranwa n'ubukene bukomoka ku buhinzi bwa gakondo bitewe n'impamvu zikurikira: Kubura inyongeramusaruro, Kubura ibigega byo gutuburiramo imbuto, ubutaka budahagije, ubwiyongere bw'abaturage bukabije, ubumenyi buke muby'ubuhinzi, kudahinduranya ibihingwa.

Byose bikaba byaratumye bamwe mu baturage bashobora kwangiza ibidukikije bajya muri Pariki.

Impamvu uyu mushinga wahiswemo

Kubera ko muri iriya mirenge yose yavuzwe haruguru yagerageje gukemura bimwe mu bibazo bimaze kuvugwa kugera kuri 45% uyu mushinga watekerejwekugira ngo twongereho 15% mu gihe cy'imyaka 2 kuko ahanini byagiye biterwa n'imikorere idahwitse ya bamwe mu bari bahagarariye iriya mishinga yavuzwe bituma imbaraga zigabanuka. Uyu mushinga uzafasha kongera ubumenyi mu mikoreshereze y'ubutaka unafashe abaturage mu guhinga imbuto z'indobanure.

Intego z'umushinga

Intego rusange

- Umushinga wo guteza imbere ubuhinzi bw'ibirayi ugamije kongera umutungo mu miryango y'abaturage batuye mu mirenge ya Kinigi, Cyanika na Rugarama.

Intego zihariye

- Kwegereza abaturage imbuto n'inyongeramusaruro
- Kongera ibigega kuva 10% kugera kuri 50%
- Kunoza imikorere y'amashyirahamwe
- Kunoza uburyo bw'isoko cyangwa ubucuruzi bw'ibirayi

Abagenerwabikorwa

Abagenerwabikorwa b'ako kanya: Ni abaturage batuye imirenge ya Kinigi, Cyanika na Rugarama n'ibiboneka muri iyo mirenge.

Mu murenge wa KINIGI : abagore 13.000, abagabo 12.800, urubyiruko 10.000, utugari 5, imidugudu 41, amashyirahamwe 6, abacuruzi 500.

Mu murenge wa CYANIKA: abagore 18 385 , abagabo 14.002, urubyiruko 13.371, abacuruzi 204, utugari 6, imidugudu 52.

Mu murenge wa RUGARAMA: abagore 12 102 , abagabo 9.111, urubyiruko 9.521, abacuruzi 114, utugari 4, imidugudu 36

Abagenerwabikorwa ba kabiri: Ni abaturage batuye mu mirenge ikikije iya Kinigi, Cyanika na Rugarama, ibigo by'amashuri, amaresitora ndetse n'abandi bose bazabikenera bari hanzwe y'iyi mirenge (Kinigi, Cyanika na Rugarama)

Ingamba/ikoranabuhanga

1. Kwegereza abaturage imbuto y'ibirayi n'inyongeramusaruro

Mu kwegereza abaturage imbuto y'ibirayi n'inyongeramusaruro hazegeranwa (guhuza) ubutaka bwo guhingaho ibirayi mu mirenge ya Kinigi, Cyanika na Rugarama. Hazatuburwa imbuto y'ibirayi mu buryo bwo kuyimeza, tuzakorana n'amashyirahamwe acuruzi inyongeramusaruro kugira ngo igere ku baturage bitagoranye.

2. Kongera ibigega kuva 10% kugera kuri 50%

Mu kongera ibigega, hazubakwa ibigega bishya mu mirenge ya Kinigi, Cyanika na Rugarama bigera kuri 15 byunganira ibyari bisanzwe.

3. Kunoza imikorere y'amashyirahamwe

Mu kunoza imikorere y'amashyirahamwe hazashakwa inzobere mu by'ubuhinzi bw'ibirayi kugira ngo zidufashe guhugura abaturage bari mu matsinda y'ubudehe kugira basobanukirwe neza imikorere y'amashyirahamwe n'imihingire myiza y'ibirayi.

4. Kunoza uburyo bw'isoko cyangwa se ubucuruzi bw'ibirayi

Mu kunoza uburyo bw'isoko ry'ibirayi hazabaho kwamamaza, kumenyekanisha ikirayi no kurushaho kukigira neza kugira ngo agaciro kacyo kiyongere kandi hazakorwa n'ingendo shuri mu kurushaho gushaka isoko rigari ry'ibirayi.

.

Imbonerahamwe y'ibikorwa by'umushinga

Intego yihariye ya 1: Kwegereza abaturage imbuto y'ibirayi n'inyongeramusaruro

Igikorwa	Igipimo	Igenzura: aho wakura amakuru	Inzitizi
• Guhuza ubutaka	Umurenge wa Kinigi 20 ha Umurenge wa Cyanika 30 ha Umurenge wa Rugarama 8 ha mu kwezi 1	Raporo ya komite z'ubudehe n'utugari byo muri iyo mirenge	
• Guhinga ibirayi	Kinigi Toni 30 Cyanika Toni 45 Rugarama Toni 12 mu kwezi 1	Raporo za komite z'ubudehe n'utugari na ba agaronome b'imirenge	Impinduka z'ikirere
• Kuhira no gusukira	Ha 58 mu mezi 2 Amapombo yo gusukira Kg 580 za dithane Amacupa 110 ya cypermetrine	Raporo za komite z'ubudehe	
• Kurinda ibyonnyi	Abazamu 116 mu mezi 2	Raporo za komite z'ubudehe n'imidugudu	Ibiza
• Gusarura	Abakozi 2903 mu minsu 3	Raporo za komite z'ubudehe	Impinduka z'ikirere

Intego ya 2 : Kongera ibigega kuva kuri 10% kugera kuri 50%

Igikorwa	Igipimo	Igenzura	Inzitizi
• Kongera ibigega	Kimwe : m 22 x m 18 15 mu mirenge ya Kinigi, Cyanika na Rugarama mu mezi 2	Raporo ya za komite z'ubudehe mu tugari	

Intego ya 3 : Kunoza imikorere y'amashyirahamwe


• Guhugura abaturage	Amatsinda 20 mu mezi 2	Raporo za komite z'ubudehe	
• Gushaka inzobere	Abantu 3 mu mezi 2	Raporo z'ubudehe	

Intego ya 4 : Kunoza uburyo bw'isoko ry'ibirayi

• Kwamamaza ibirayi	Incuro 1 mu kwezi 2 mu kwezi 1 mu kwezi	Komite z'utugari Komite z'utugari z'ubudehe Komite z'ubudehe	
• Kumenyekanisha			
• Ingendo shuri			

Ikurikirana n'isuzuma ry'umushinga

Itangwa n'iherekana rya raporo n'igihe zizajya zitangirwa



Bizajya bikorwa mu gihe cy'ukwezi

Igikorwa	Amakuru akenewe	Igihe	Ushinzwe		
			Uzakusanya	Uzasesengura	Uzahuza
Gushaka ikibanza	• Raporo z'abayobozi b'ibanze	Amezi 2	Raporo za komite z'ubudehe	Komite z'utugari	Umurenge
Gushaka imirima	• Raporo za komite z'ubudehe	Ukwezi 1	Komite z'ubudehe	Utugari	Umurenge + abaterankunga
Guhinga	• Komite z'ubudehe + abatakinisiye	Ukwezi 1	Komite z'ubudehe + imidugudu	Utugari	Umurenge
Gusarura	• Komite z'ubudehe + imidugudu	Ukwezi 1	Komite z'ubudehe + imidugudu	Utugari	Umurenge
Guhunika	• Komite z'ubudehe	Ukwezi 1	Komite z'ubudehe	Utugari	Umurenge
Gushaka isoko	• Ahantu hatandukanye hacururizwa ibirayi na komite z'ubudehe	Ukwezi 1	Raporo za komite z'ubudehe	Utugari	Umurenge

N.B. : Isuzuma rizajya rikorwa buri mezi 3 (mu gihembwe)

Akamaro/ingaruka z’umushinga

Mu bukungu

- Umutungo w’imiryango ituye mu mirenge ya Kinigi, Cyanika na Rugarama uziyongera.
- Abangiriza PNV bashakamo amaramuko bazagabanuka
- Kwaguka kw’imishinga iciriritse iziyongera
- Ibura ry’imbuto n’ingongeramusaruro bizakemuka 15%
- Gusuhuka kw’imiryango imwe n’imwe bizagabanuka

Ku mibereho myiza

- Kuja mu bwisungane mu kwivuza bizagerwaho 100%
- Abana n’abantu barwaraga indwara ziterwa n’imibereho mibi bazagabanuka ku gipimo cya 60%
- Abaturage bazatura heza, bazambara neza, isuku iziyongeraho 25%

Ku bidukikije

- Ubusugire bwa PNV buziyongera
- Ibikorwa remezo biziye, ntabwo bazongera gusarura ibiti bidakuzwe n’ibirayi bidakuzwe, isuku iziyongera 75% kubera ko imirima izaba irwanyijweho isuri, ba mukerarugendo nabo baziye.

Ku bwuzanye n’uburinganire

- Amakimbarane y’abagore n’abagabo azagabanuka kubera ko umutungo w’umuryango uzaba wiyongereye
- Gutanga uburere bwiza ku rubyaro
- Iherekanyamakuru (ubwumvikane) riziye mu muryango

Uburambe bw’umushinga

Ku byerekeye tekiniki, ibikorwa n’ikoranabuhanga

- Nyuma y’inkunga y’umushinga ibikorwa bizasigaranwa n’amatsinda y’ubudehe azunganirwa n’abatekinisiye b’umurenge n’abakozi ba buri muni bahembwa, bifashishije inyungu ziboneka mu mushinga.

Imari n’umutungo : ubwizigame mu bigo by’imari n’umutungo

- Itangwa ry’umusanzu w’abanyamuryango wunganira inyungu zakomotse ku mushinga, izakomeza muri ibyo by’ubwisanzure ari byo amabanki hakomeza gutangwa imisanzu mu buryo bwo kuzigama.

Ku byerekeye imiyoborere n'uruhare rw'inzezo n'abaturage

Nyuma y'inkunga y'umushinga ubuyobozi buzakomezanya na komite z'ubudehe hashyirwaho n'amatsinda y'abaturage yahuguwe kugira ngo afatanye n'izo komite mu gukomeza gucunga ibyo bikorwa

Ingengo y'imari y'umushinga

Ingengo y'imari y'igikorwa

Intego ya 1 : Kwegereza abaturage imbuto z'ibirayi n'inyongeramusaruro

Igikorwa	Ibikenewe	Ingano	Ikiguzi cya kimwe	Ikiguzi cya byose
1. Gukusanya ubutaka	Ubutaka (hegitari)	58	450.000	26.100 000
2. Guhinga	Abakozi Amasuka Reyoneri	2.900 2.900 70	1.000 2.000 10 000	2.900.000 5.800.000 700.000
3. Gutera ibirayi	Abakozi Ifumbire NPK 17-17-17 (ibiro) Imbuto y'ibirayi (ibiro)	3.000 14.500 87.000	1.000 600 400	3.000.000 8.700.000 34.800 000
4. Kuhira	Abakozi	1.450	1 000	1.450 000
5. Gusukira	Abakozi 870 pers. X 8j Amapombo Dithane (kg) Cypermethrine (amacupa)	6.960 30 580 110	1.000 70.000 5.000 4 500	6.960.000 2.100.000 2.900.000 495.000
6. Kunyomora intitigiri	Abakozi	1.450	1.000	1.450 000
7. Gusarura ibirayi	Abakozi imifuka	8.709 116.000	1.000 300	8.709.000 34.800 000
Igiteranyo				140.864 000
Intego ya 2 : Kongera ibigega kuva 10% kugera 50%				
1. Kugura ibibanza 15	Ibibanza	15	1.000 000	15.000 000
2. Kubaka ibigega 15	Entrepreneur	15	8.000 000	120.000 000
Igiteranyo				135.000.000
Intego ya 3 : Kunoza imikorere y'amashyirahamwe				
Guhugura	Uhugura Amakayi Amakaramu	3 300 300	200.000 100 100	600.000 30.000 30.000
Igiteranyo				660.000
Intego ya 4 : Kunoza uburyo bw'isoko ry'ibirayi				
Kwamamaza	Incuro mu kwezi	1	560 000	560 000
Imurikagurisha	Incuro mu kwezi	2	50 000	100 000
Igiteranyo				660.000
IGITERANYO RUSANGE				277.184.000

Imishahara, ingendo n'ibikoresho by'ibiro

N°	Icyo ari cyo	Ingano	Ikiguzi cya kimwe	Ikiguzi cya byose
1.	Ameza	15	20 000	300 000
2.	Intebe	20	5 000	450 000
3.	Amabati	15	50 000	750 000
4.	Ibitabo by'icungamutungo	45	2 000	90 000
5.	Classeur	45	150	67.500
6.	Perforateur	15	3 000	45 000
7.	Agrafeuse	15	3 000	45 000
8.	Tampon	15	3 000	45 000
9.	Cachet	15	5 000	75 000
10.	Mudasobwa	15	1.500 000	22.500.000
11.	Amakaramu	15	3000	45 000
12.	Amalati	15	300	4.500
13.	Imishahara (abakozi)	60	15 000	900.000
14.	Amafaranga ya telephone (amezi)	15	20 000	300 000
15.	Ingendo	15	20 000	300 000
	Igiteranyo			25.917 000

Ibikoresho biramba

Icyo ari cyo	ingano	Ikiguzi cya 1	Ikiguzi cya byose
Amapombo	30	70 000	2.100 000
Riyineri	70	10 000	700 000
Iminzani	15	100 000	1.500 000
Amagare	9	80 000	720 000
Ameza	1	10 000	10 000
Intebe	4	5 000	20 000
Igiteranyo			5.050.000

Igiteranyo cy'ingengo y'imari

Icyo ari cyo	Umubare
Igikorwa	277.184. 000
Ibikoresho	5.050. 000
Imishahara, ingendo, ibikoresho by'ibiro	25.917. 000
Igiteranyo	308.151.000

Aho ingengo y'imari izaturuka

Abaturage	46.222.650	15%
Umuterankunga	261.928.350	85%

Igiteranyo	308.151.000	100%
-------------------	--------------------	-------------

Umwanzuro w’umushinga

Uyu mushinga wo guteza imbere ubuhinzi bw’ibirayi mu mirenge ya Kinigi, Cyanika na Rugarama uteguye ku buryo habonetse umuterankunga wazafasha abaturage. Abaturage bashobora kwirihira mutuelle de santé, kugira isuku, gukemura ibibazo by’uburwayi bukomoka ku mirire mibi, kurihira abana amashuri, ndetse no kwangiza pariki ndetse n’andi mashyamba bizagabanuka, bazaba bashobora kugera ku migambi myinshi cyane cyane icyerekezo 2020.

Ubwuzuzanye mu miryango ku bagabo n’abagore bizaramba.

AMAZINA Y’ABATEGUYE UMUSHINGA

- NIYOYITA Edith
- IRADUKUNDA Donatille
- NIDUFASHE Jean de Dieu
- NZABONIMPA Simon
- UWINGABIRE Florence
- KAKUZE Judtih
- NYIRABATWARE Spéciose
- TWAHIRWA Isaac

ICYITONDERWA: Uyu mushinga watekerejwe mu rwego rwo kubonera igisubizo kirambye ibibazo by’ubukene bituma abatariye Pariki y’ibirunga bayangiza. Ikigaragara aliko ni uko usaba igishoro kinini kandi uburyo bwo kuwushyira mu bikorwa bukaba bugikeneye kunonosorwa kugirango ushobore gutanga koko inyungu ziwutegerejweho.

Umugishwanama NZABONIMANA Jean Chrysostome.